# ITANGAZO

## Kongerera igihe cyo gutanga ibaruramari ngarukamwaka n'amakuru ya sosiyete

I Biro by'Umwanditsi Mukuru mu Urwego rw'Igihugu rushinzwe iterambere (RDB), ruributsa amasosiyete yose ko afite inshingano zo gushyikiriza Umwanditsi Mukuru ibaruramari ngaruka mwaka (annual accounts) n'amakuru ya sosiyete (**Annual Returns**) hakurikijwe **Itegeko No 007/2021 ryo ku wa 05/02/2021** rigenga Amasosiyete y'ubucuruzi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu (**"Itegeko"**)..

Igihe ntarengwa cyo gushyikiriza Umwanditsi Mukuru ibaruramari ngarukamwaka n'amakuru ya sosiyete cyari giteganyijwe ku **31 Nyakanga 2026** cyongerewe kugeza **ku wa 30 Nzeri 2026**. ki cyemezo cyafashwe nyuma y'ubusabe bwatanzwe n'amasosiyete atarabashije kubahiriza igihe ntarengwa cyari cyarashyizweho mbere.

Umwanditsi Mukuru arasaba amasosiyete yose bireba gukoresha neza iki gihe cyongerewe, agatanga ibaruramari ngarukamwaka n'amakuru ya sosiyete mbere y'itariki ntarengwa nshya, kugira ngo yubahirize amategeko ku gihe kandi yirinde ibibazo bishobora guterwa no gutanga inyandiko ku munota wa nyuma.

Ibaruramari ngarukamwaka n'amakuru ya sosiyete bitangwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga, binyuze ku rubuga rwa **https://urs.rdb.rw/auth/login.**

Amasosiyete atazubahiriza izi nshingano mugihe cyongerewe azafatirwa ibihano biteganywa n'Itegeko.

Ku bufasha bwa tekiniki cyangwa ibindi bibazo bijyanye no gutanga izi nyandiko, mwakwandikira Ibiro by'Umwanditsi Mukuru ushinzwe Iyandikwa ry'Amasosiyete kuri **compliance.registrar@rdb.rw.**

**KAYIGI KAJUGA Leon**
**Umwanditsi Mukuru w'Agateganyo**